

Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu



**IMITERERE INSHINGANO N'IMIKORERE Y'URWEGO
RW'ABAKORERABUSHAKE BA KOMISIYO RUSHINZWE GUKURIKIRANA
IYUBAHIRIZWA RY'UBURENGANZIRA BW'UMWANA N'UBW'ABAFITE
UBUMUGA (ODE)**

WERURWE, 2021

IMITERERE, INSHINGANO N'IMIKORERE BY'URWEGO RW'ABAKORERABUSHAKE BA KOMISIYO RUSHINZWE GUKURIKIRANA IYUBAHIRIZWA RY'UBURENGAZIRA BW'UMWANA N'UBW'ABANTU BAFITE UBUMUGA (ODE)

INTANGIRIRO

Urwego rushinzwe igenzura ry'iyubahirizwa ry'Uburenganzira bw'Umwana n'ubw'Abantu bafite Ubumuga "Observatoire des Droits de l'Enfant et des personnes handicapées/(ODE)" ni bumwe mu buryo (mechanism) bwashyizweho na Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu, buyifasha kugenzura uko uburenganzira bw'Umwana n'ubw'Abantu bafite Ubumuga bwubahirizwa mu Gihugu.

Uru rwego rwashyizweho mu mwaka wa 2006, rugakurikirana iyubahirizwa ry'uburenganzira bw'umwana hashingiwe ku ngingo ya 24 y'Itegeko n°27/2001 ryo ku wa 28/04/2001 ryerekeye Uburenganzira bw'umwana n'uburyo bwo kumurinda ihohoterwa, yahaga Komisiyo inshingano yo guteganya uburyo bwihariye bwo gukurikirana uko Uburenganzira bw'umwana bwubahirizwa.

Komisiyo ishingiyeye ku nshingano ihabwa n'Itegeko N° 01/2007 ryo ku wa 20/01/2007 rirengerabantu bafite ubumuga mu ngingo yaryo ya 10, yo guteganya uburyo bwihariye bwo gukurikirana uko uburenganzira bw'ufite ubumuga bwubahirizwa, yavuguruye urwego rwa ODE bityo rukaba rushinzwe gukurikirana uburenganzira bw'umwana n'ubw'abantu bafite ubumuga.

Inshingano z'urwego rwa ODE zishingira ku ngingo ya 6, agace ka 4° y'Itegeko N°19/2013 ryo ku wa 25/03/2013 rigena Inshingano, Imiterere n'Imikorere byayo, nk'uko ryahinduwe n'Itegeko N° 61/2018 ryo ku wa 24/08/2018, iha Komisiyo inshingano yihariye yo gukurikirana iyubahirizwa ry'Uburenganzira bw'umwana n'ubw'Abafite Ubumuga.

Iyi nyandiko igaragaza imiterere, inshingano by'uru rwego n'uburyo abarugize baterana.

I. IMITERERE Y'URWEGO RWA ODE

Urwego rwa ODE ruhagarariwe ku rwego rw'Akagari, urw'Umurenge, urw'Akarere no ku rwego rw'Igihugu.

1.1. Imiterere y'Urwego rwa ODE ku rwego rw'Akagari

Urwego rwa ODE ruhagarariwe n'Umukorerabushake umwe uturanywa ku bufatanye bwa Komisiyo n'ubuyobozi bw'Akagari hakurikijwe ubunararibonye n'ubunyamugayo afite.

1.2. Imiterere y'Urwego rwa ODE ku rwego rw'Umurenge

Ku rwego rw'Umurenge, urwego rugizwe na Komite igizwe n'aba bakurikira:

- 1°) Umuhuzabikorwa wa ODE ku rwego rw'Umurenge ari na we uyobora Komite;
- 2°) Uwungirije Umuhuzabikorwa wa ODE ku rwego rw'Umurenge akaba ari umwe mu bahagarariye utugari, ushobora gusimbura Umuhuzabikorwa igihe adahari, yagize impamvu ituma atabasha kuzuzwa inshingano ze cyangwa yasezeyeye ku mirimo;
- 3°) Uhagarariye abafite ubumuga mu Murenge;
- 4°) Abana babiri (2) (umuhungu n'umukobwa) bahagarariye abandi batoranywa ku bufatanye bwa Komisiyo n'inzego z'ibanze;
- 5°) Abakorerabushake bahagarariye Utugari twose tugize Umurenge, umwe umwe muri buri Kagari.

1.3. Imiterere y'Urwego rwa ODE ku rwego rw'Akarere

Ku rwego rw'Akarere, Urwego rwa ODE rugizwe na Komite igizwe n'aba bakurikira:

- 1°) Umuhuzabikorwa wa ODE ku rwego rw'Akarere ari na we uyobora Komite;
- 2°) Uwungirije Umuhuzabikorwa wa ODE ku rwego rw'Akarere;
- 3°) Uhagarariye abafite ubumuga ku Karere;
- 4°) Abana babiri (2)-(umukobwa n'umuhungu) bahagarariye abandi ku rwego rw'Akarere;
- 5°) Abahuzabikorwa ba ODE ku rwego rw'Umurenge b'Imirenge yose igize Akarere.

1.4. Imiterere y'Urwego rwa ODE ku rwego rw'Igihugu

Komite ya ODE ku rwego rw'Igihugu igizwe n'abantu banyuranye kandi bafite inshingano zifite aho zihurira n'Uburenganzira bw'umwana n'ubw'abantu bafite ubumuga, b'inararibonye mu byerekeye uburenganzira bw'umwana n'ubw'abantu bafite ubumuga, kuri bo hakiyongeraho abana batanu (5) bahagarariye bagenzi babo ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali.

Abagize icyo Komite ni aba bakurikira:

- 1°) Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu ikaba ari na yo iyobora icyo Komite;
- 2°) Abakorerabushake ba ODE bahagarariye abandi ku rwego rw'Akarere;
- 3°) Abana batanu (5) bahagarariye abandi: umwe muri buri Ntara n'Umujyi wa Kigali;
- 4°) Uhagarariye Inama y'Igihugu y'Abafite Ubumuga;
- 5°) Uhagarariye Minisitari y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango;

- 6°) Uhagarariye Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu;
- 7°) Uhagarariye Minisiteri y'Uburezi;
- 8°) Uhagarariye Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'Umurimo;
- 9°) Uhagarariye Urukiko rw'Ikirenga;
- 10°) Uhagarariye amadini n'amatorero (uturutse mu Ihuriro ryabo);
- 11°) Uhagarariye ihuriro ry'imiryango itari iya Leta yita ku burenganzira bw'umwana ikorera mu Gihugu;
- 12°) Uhagarariye ihuriro ry'imiryango itari iya Leta yita ku burenganzira bw'abantu bafite ubumuga ikorera mu Gihugu;
- 13°) Uhagarariye Urugaga rw'Abavoka (Barreau);
- 14°) Uhagarariye ikigo cy'Igihugu gishinzwe imbenezamukire y'abana NCDA;
- 15°) Uhagarariye Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Igororamuco;
- 16°) Uhagarariye Gereza y'abana;
- 17°) Uhagarariye Inama y'Igihugu y'Urubyiruko ku rwego rw'Igihugu;
- 18°) Uhagarariye urwego rw'Ubugenzacyaha (RIB);
- 19°) Uhagarariye Ubushinjacyaha Bukuru;
- 20°) Uhagarariye Polisi y'u Rwanda.

II. Inshingano z'abagize Urwego rwa ODE

Inshingano z'abagize urwego rwa ODE zikubiyemo iza Komite zo ku rwego rw'Akagari, urw'Umurenge, urw'Akarere n'urw'Igihugu.

2.1. Inshingano za Komite ku rwego rw'Akagari

Ku rwego rw'Akagari, inshingano z'abagize urwego rwa ODE ni izo gutanga amakuru ku buryo bwihuse ku bibazo by'ihohoterwa ry'uburenganzira bw'umwana n'ubw'abantu bafite ubumuga byagaragaye mu Kagari atuyemo. Aya makuru amenyeshwa Umuhuzabikorwa wo ku rwego rw'Umurenge.

2.2. Inshingano za Komite ku rwego rw'Umurenge

Ku rwego rw'Umurenge, inshingano y'abagize Urwego rwa ODE ni iyo guhuza amakuru aiyanye n'ibibazo by'ihohoterwa ry'uburenganzira bw'umwana n'ubw'abantu bafite ubumuga byagaragaye mu Tugari dutandukanye tugize Umurenge, no kubikorera raporo ihabwa Umuhuzabikorwa wo ku rwego rw'Akarere buri kwezi n'igihe cyose bibaye ngombwa bitewe n'ubwihutirwe cyangwa uburemere bw'ikibazo.

2.3. Inshingano za Komite ku rwego rw'Akarere

Ku rwego rw'Akarere, inshingano z'abagize Urwego rwa ODE ni izi zikurikira:

- 1°) Guhuza raporo y'ibibazo by'ihohoterwa ry'uburenganzira bw'umwana n'ubw'abantu bafite ubumuga byaturutse mu Mirenge igize Akarere;
- 2°) Koherereza raporo Komisiyo buri kwezi n'igihe cyose bibaye ngombwa bitewe n'ubwihutirwe cyangwa uburemere bw'ikibazo kugira ngo bikurikiranwe.

2.4. Inshingano za Komite ku rwego rw'Igihugu

Ku rwego rw'Igihugu, inshingano z'abagize urwo rwego ni izi zikurikira:

- 1°) Gusesengura ibibazo by'ihohoterwa ry'uburenganzira bw'umwana n'ubw'abafite ubumuga byagaragajwe muri raporo ziturutse mu Turere twose;
- 2°) Kugaragaza ingamba zihamye zo kurwanya ihohoterwa rikorerwa abana n'abantu bafite ubumuga;
- 3°) Kugeza imyanzuro ku nzego bireba hagamijwe gukumira no kurwanya ihohoterwa rikorerwa abana n'abantu bafite ubumuga.

III. Guterana kw'abagize Komite z'Urwego rwa ODE

3.1. Guterana kwa Komite ku rwego rw'Umurenge

Komite ku rwego rw'Umurenge iterana rimwe mu gihembwe n'igihe cyose bibaye ngombwa.

Inama ya Komite ku rwego rw'Umurenge itumizwa ikanayoborwa n'Umuhuzabikorwa w'Urwego rwa ODE ku rwego Murenge.

3.2. Guterana kwa Komite ku rwego rw'Akarere

Komite ku rwego rw'Akarere iterana rimwe mu mezi atandatu (6) n'igihe cyose bibaye ngombwa.

Inama ya Komite ku rwego rw'Akarere itumizwa ikanayoborwa n'Umuhuzabikorwa wa Komite ku rwego rw'Akarere.

3.3. Guterana kwa Komite ku rwego rw'Igihugu

Komite ku rwego rw'Igihugu iterana rimwe mu mwaka n'igihe cyose bibaye ngombwa.

Inama ya Komite ku rwego rw'Igihugu itumizwa kandi ikayoborwa na Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu.

P.O Box . 269 Kigali - Tel. : 3434
Email: info@cndp.org.rw,
Website : <http://www.cndp.org.rw>
Twitter : @HumanRightsRW
Facebook : NCHR